RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** Taliki 26-29 Mutarama




## P1. Volleyball: REG VC na APR VC zegukanye irushanwa ry'Intwari 2023

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Volleyball:** REG VC na APR VC zegukanye irushanwa ry'Intwari 2023

P2 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 17 yagenze

P2 **Cycling :** Ikipe y'u Rwanda yegukanye umwanya wa 5 muri Gabon

P4 **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P5 **Cricket:** India yegukanye igikombe cy'Isi, u Rwanda rusoreza ku mwanya wa 8

P5 **Cycling:** Rwamagana yagiranye amasezereno y'ubufatanye na FERWACY

P6 **Sitball:** Habaye imikino ya ½ ya shampiyona

P6 **Cycling:** Tuyizere na Nirere begukanye "Heroes Cycling Cup 2023"

P7 **Rugby:** Abasifuzi n'abatanga ubuvuzi bw'ibanze bahawe amahugurwa

# 1 **Volleyball:** REG VC na APR VC zegukanye irushanwa ry'Intwari 2023

Ikipe ya REG VC mu bagabo na APR VC mu bagore ni zo zegukanye irushanwa rya Volleyball ryahariwe kuzirikana Intwari z'Igihugu "National Heroes Volleyball Tournament 2023" ryabaye taliki 28 na 29 Mutarama 2023.

Iri rushanwa ritegurwa n'ishyirahamwe ry'umukino wa Volleyball mu Rwanda "FRVB" ku bufatanye n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidali n'Impeta by'Ishimwe "CHENO" ryaherukaga kuba muri 2020 aho muri 2021 na 2022 ritabaye kubera COVID-19.

Muri uyu mwaka wa 2023 iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe 4 ya mbere mu cyiciro cy'abagabo ari yo REG VC, Gisagara VC, APR VC na ForeFront VC. Mu bagore hitabiriye APR VC, ForeFront VC, RRA VC na Ruhango VC.

Imikino yatangiriye muri ½ aho mu bagabo, ikipe ya REG VC yatsinze ForeFront VC amaseti 3-2 (25-23, 15-25, 25-23, 23-25 na 18-16).

Ikipe ya Gisagara VC yatsinze ikipe ya APR VC amaseti 3-0 (25-18, 25-16 na 27-25).

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya ForeFront VC yitwaye neza itsinda APR VC amaseti 3-0 (25-22, 25-22 na 25-12).
Ku mukino wa nyuma, ikipe ya REG VC yatsinze Gisagara VC amaseti 3-2 (25-17, 25-18, 17-25, 20-25 na 15-10).

**Mu bagore, APR VC ni yo yegukanye igikombe**

Mu mikino ya ½, ikipe ya APR VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-0 (25-18, 25-22 na 25-11) naho ikipe ya ForeFront VC itsinda RRA VC amaseti 3-2 (25-21, 23-25,21-25, 25-22 na 15-8).

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya RRA VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-0 (25-21,25-23 na 25-18).
Ku mukino wa nyuma, ikipe ya APR VC yatsinze ForeFront VC amaseti 3-2 (25-20, 25-27, 25-20, 20-25 na 15-12).

Ikipe ya UTB VC mu bagabo n'abagore ni yo yari yegukanye iki gikombe ubwo cyaherukaga muri 2020. Mu bagabo yari yatsinze ku mukino wa nyuma REG VC amaseti 3-1 ( 25-20, 25-19, 14-25 na 25-22) naho mu bagore itsinda APR VC amaseti 3-0 (26-24, 25-16 na 28-26).










# Football: Uko imikino y'umunsi wa 17 yagenze

Kuva taliki 27 kugeza taliki 29 Mutarama 2023 habaye imikino y'umunsi wa 17 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya AS Kigali yari iyoboye urutonde yatsinzwe na Rwamagana City FC igitego 1-0, ikipe ya APR FC itsinda Kiyovu ibitego 3-2 ihita iyobora urutonde by'agateganyo.
Imikino y'umunsi wa 18 biteganyijwe ko izaba taliki 03, 04 na 05 Gashyantare 2023.

**Uko imikino yagenze**
**Taliki 27-01-2023**

- Police FC **1-2** Espoir FC

**Taliki 28-01-2023**

- Etincelles FC **2-1** Marines FC
- Kiyovu **2-3** APR FC
- Mukura **1-1** Rayon Sports
- Musanze FC **0-1** Rutsiro FC
- Rwamagana City **1-0** AS Kigali

**Taliki 29-01-2023**

- Sunrise FC **0-1** Gasogi United
- Bugesera FC **0-0** Gorilla FC

## Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 17 | 34 |
| 2 | AS Kigali | 17 | 33 |
| 3 | Gasogi United | 17 | 32 |
| 4 | Rayon Sports | 17 | 32 |
| 5 | Kiyovu | 17 | 31 |
| 6 | Etincelles FC | 17 | 29 |
| 7 | Mukura | 17 | 24 |
| 8 | Police FC FC | 17 | 24 |
| 9 | Sunrise FC | 17 | 23 |
| 10 | Musanze FC | 17 | 22 |
| 11 | Gorilla FC | 17 | 22 |
| 12 | Bugesera FC | 17 | 20 |
| 13 | Rutsiro FC | 17 | 16 |
| 14 | Rwamagana City | 17 | 16 |
| 15 | Espoir FC | 17 | 10 |
| 16 | Marines FC | 17 | 07 |




# Cycling : Ikipe y'u Rwanda yegukanye umwanya wa 5 muri Gabon

Kuva taliki 23 kugeza taliki 29 Mutarama 2023 muri Gabon habereye isiganwa mpuzamahanga ry'umukino wo gusiganwa ku magare ku nshuro ya 16 "La Tropicale Amissa Bongo 2023".

Umukinnyi ukinira ikipe ya TotalEnergies mu Bufaransa ari ho na we akomoka, Soupe Geoffrey ni we wegukanye iri siganwa ryaherukagaa kuba muri 2020.

Soupe Geoffrey ufite imyaka 34 y'amavuko yasoreje ku mwanya wa mbere aho mu ntera 7 zihwanye na kilometero 903,2 yakoresheje amasaha 20, iminota 18 n'amasegonda 16. Yakurikiwe na Amari Hamza ukomoka muri Algeria (20h18'45") naho ku mwanya wa 3 haza Rougier-Lagane Christopher ukomoka muri Mauritius (20h18'50").

**Ikipe y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa 5**

Iri siganwa "La Tropicale Amissa Bongo 2023" ryitabiriwe n'abakinnyi 6 b'u Rwanda. Uwaje ku mwanya wa hafi muri rusange ni Manizabayo Eric wasoreje ku mwanya wa 18 akoresheje amasaha 20, iminota 20 n'amasegonda 23. Uhiriwe Byiza Renus yasoreje ku mwanya wa 26, Kagibwami Suayibu (31), Areruya Joseph (42), Byukusenge Patrick (43) na Mugisha Moise (45).

Abakinnyi 89 ni bo batangiye isiganwa ku ntera ya mbere hasoza 84.

Ikipe y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa 5 inyuma ya TotalEnergies (France) yasoreje ku mwanya wa mbere, Bingoal WB (Belgique) ku mwanya wa kabiri, Eritrea (3), EF Education-Nippo DT (4). Ku mwanya wa 6 hasoreje Maroc, Beykoz Team- Turkey (7), Algeria (8), Burgos BH-Spain (9), Cameroun (10), Mauritius (11), Burkina Faso (12), Côte D'ivoire (13), Gabon (14) na Benin (15).






# **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Kuva taliki 27 kugeza taliki 29 Mutarama 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore ndetse n'imikino y'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

FERWABA — RWANDA BASKETBALL FEDERATION · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D1, DAY 7 TO DAY 9 RESULTS

### FIRST LEG

DAY 7, FRIDAY 27/01/2023

| | | |
|---|---|---|
| PATRIOTS BBC | 95- 67 | SHOOT 4 STARS |
| APR BBC | 97-54 | UGB |

DAY 8, SATURDAY 28/01/2023

| | | |
|---|---|---|
| TIGERS BBC | 75-53 | RP IPRC KIGALI |
| RP-IPRC HUYE BBC | 59-110 | REG BBC |
| APR BBC | 119-42 | SHOOT 4 STARS |
| ESPOIR | 68-63 | K TITANS |
| ORION | 97-41 | RP IPRC MUSANZE |

DAY 9, SUNDAY 29/01/2023

| | | |
|---|---|---|
| RP-IPRC HUYE BBC | 74-101 | K TITANS |
| UGB | 53-80 | PATRIOTS |
| TIGERS BBC | 48-74 | ESPOIR |

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D1 | ROUND 1 RANKING 29/1/2023

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | ESPOIR BBC | 5 | 5 | 0 | 0 | 10 | 410 | 292 | 118 |
| 2 | PATRIOTS BBC | 5 | 4 | 1 | 0 | 9 | 447 | 309 | 138 |
| 3 | REG BBC | 4 | 4 | 0 | 0 | 8 | 408 | 213 | 195 |
| 4 | K TITANS BBC | 5 | 3 | 2 | 0 | 8 | 394 | 364 | 30 |
| 5 | APR BBC | 4 | 4 | 0 | 0 | 8 | 438 | 155 | 283 |
| 6 | ORION BBC | 5 | 2 | 3 | 0 | 7 | 371 | 366 | 5 |
| 7 | TIGERS BBC | 5 | 2 | 3 | 0 | 7 | 307 | 311 | -4 |
| 8 | SHOOT 4 STARS BBC | 4 | 2 | 2 | 0 | 6 | 259 | 346 | -87 |
| 9 | UGB | 4 | 1 | 3 | 0 | 5 | 214 | 300 | -86 |
| 10 | RP-IPRC HUYE BBC | 5 | 0 | 5 | 0 | 5 | 272 | 472 | -200 |
| 11 | RP-IPRC MUSANZE BBC | 5 | 0 | 5 | 0 | 5 | 212 | 542 | -330 |
| 12 | RP- IPRC KIGALI BBC | 3 | 0 | 3 | 0 | 3 | 189 | 251 | -62 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - WOMEN'S DAY 1 TO DAY 3 RESULTS

### FIRST LEG

FRIDAY 27/01/2023

| | | |
|---|---|---|
| REG BBC | 140-18 | UR KIGALI |
| APR BBC | 20-0<br>FORFEIT | UR HUYE BBC |

SATURDAY 28/01/2023

| | | |
|---|---|---|
| THE HOOPS | 52-39 | GS GAHINI |

SUNDAY 29/01/2023

| | | |
|---|---|---|
| RP-IPRC HUYE | 70-50 | GS MARIE REINE |

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 WOMEN D1 | ROUND 1 RANKING 29/1/2023

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 1 | 1 | 0 | 0 | 2 | 140 | 18 | 122 |
| 2 | RP-IPRC HUYE BBC | 1 | 1 | 0 | 0 | 2 | 70 | 50 | 20 |
| 3 | APR BBC | 1 | 1 | 0 | 0 | 2 | 20 | 0 | 20 |
| 4 | THE HOOPS RWA | 1 | 1 | 0 | 0 | 2 | 52 | 39 | 13 |
| 5 | GS GAHINI BBC | 1 | 0 | 1 | 0 | 1 | 39 | 52 | -13 |
| 6 | GS MARIE REINE BBC | 1 | 0 | 1 | 0 | 1 | 50 | 70 | -20 |
| 7 | UR KIGALI BBC | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 18 | 140 | -122 |
| 8 | UR BBC | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 0 | 20 | -20 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE



**Komeza kuri P.4**

Ibikurikira P.3

FERWABA Rwanda Basketball Federation · Rwanda Basketball League · Cheetah Energy Drink

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D2, DAY 3 TO 4 RESULTS

### FIRST LEG

DAY 3, SATURDAY 28/01/2023

| | | |
|---|---|---|
| KARONGI BBC | 44-53 | RUSIZI BBC |
| REBERO BB ACADEMY | 24-79 | WIBENA |
| ELITE | 74-77 | INTARE |
| INSPIRED GENERATION BBC | 62-63 | KEPLER BBC |
| UR KIGALI | 61-66 | KICUKIRO BUCKETS |
| AZOMCO | 66-47 | BLACK THUNDERS BC |
| FLAME | 67-35 | SPARTANS |
| UK BBC | 43-97 | ITS KIGALI |

DAY 4, SUNDAY 29/01/2023

| | | |
|---|---|---|
| THE HOOPS | 72-73 | RUSIZI BBC |
| AZOMCO | 49-48 | REBERO BB ACADEMY |
| UK BASKETBALL CLUB | 49-89 | INTARE |
| WIBENA | 87-73 | UR HUYE |

FERWABA Rwanda Basketball Federation · Rwanda Basketball League · Cheetah Energy Drink

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D2 | ROUND 1 RANKING 29/1/2023 - GROUP B

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | AZOMCO BBC | 4 | 2 | 2 | 0 | 6 | 193 | 251 | -58 |
| 2 | INSPIRED GENERATION | 3 | 2 | 1 | 0 | 5 | 219 | 123 | 96 |
| 3 | WIBENA BBC | 3 | 2 | 1 | 0 | 5 | 220 | 177 | 43 |
| 4 | FLAME BBC | 2 | 2 | 0 | 0 | 4 | 147 | 89 | 58 |
| 5 | KEPLER BBC | 2 | 2 | 0 | 0 | 4 | 132 | 105 | 27 |
| 6 | UR HUYE BBC | 3 | 1 | 2 | 0 | 4 | 183 | 197 | -14 |
| 7 | BLACK THUNDERS BBC | 2 | 1 | 1 | 0 | 3 | 116 | 123 | -7 |
| 8 | REBERO BB ACADEMY | 3 | 0 | 3 | 0 | 3 | 113 | 181 | -68 |
| 9 | SPARTANS BBC | 2 | 0 | 2 | 0 | 2 | 60 | 137 | -77 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

FERWABA Rwanda Basketball Federation · Rwanda Basketball League · Cheetah Energy Drink

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D2 | ROUND 1 RANKING 29/1/2023 - GROUP A

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | RUSIZI BBC | 4 | 4 | 0 | 0 | 8 | 300 | 230 | 70 |
| 2 | INTARE BBC | 3 | 2 | 1 | 0 | 5 | 224 | 194 | 30 |
| 3 | KICUKIRO BUCKETS | 3 | 2 | 1 | 0 | 5 | 155 | 160 | -5 |
| 4 | KARONGI BBC | 3 | 1 | 2 | 0 | 4 | 164 | 158 | 6 |
| 5 | ITS KIGALI BBC | 2 | 1 | 1 | 0 | 3 | 169 | 116 | 53 |
| 6 | THE HOOPS | 2 | 1 | 1 | 0 | 3 | 145 | 145 | 0 |
| 7 | UK BBC | 3 | 0 | 3 | 0 | 3 | 148 | 289 | -141 |
| 8 | UR KIGALI BBC | 2 | 1 | 1 | 0 | 3 | 121 | 121 | 0 |
| 9 | ELITE BBC | 2 | 0 | 2 | 0 | 2 | 108 | 121 | -13 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE



# **Cricket:** India yegukanye igikombe cy'Isi, u Rwanda rusoreza ku mwanya wa 8

Kuva taliki 14 kugeza taliki 29 Mutarama 2023 muri Afurika y'Epfo habereye imikino y'igikombe cy'Isi muri Cricket mu cyiciro cy'abakobwa batarengeje imyaka 19 "ICC U-19 Women's T20 World Cup 2023", iyi mikino ikaba yari ibaye ku nshuro ya mbere.

Ikipe ya India ni yo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya England.

Iyi kipe ya India yageze ku mukino wa nyuma isezereye muri ½ ikipe ya New Zealand naho ikipe ya England isezerera Australia. Iyi mikino yombi yabaye taliki 27 Mutarama 2023.

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 16 aho yari agabanyije mu matsinda 4. Itsinda A ryari ririmo Australia, Bangladesh, Sri Lanka na USA. Itsinda B rigizwe n'u Rwanda, u Bwongereza, Pakistan na Zimbabwe. Itsinda C ririmo Indonesia, Ireland, New Zealand na West Indies naho itsinda D rigizwe na India, Scotland, South Africa na United Arab Emirates.

Nyuma y'imikino yo mu matsinda, amakipe 3 ya mbere muri buri tsinda yakomeje mu kindi cyiciro cy'amakipe 12 "Super 6" aho aya makipe yashyizwe mu matsinda 2, itsinda rya mbere "Group 1" ryari rigizwe na India, Australia, Bangladesh, South Africa, Sri Lanka na UAE naho itsinda rya kabiri "Group 2" rigizwe na England, New Zealand, u Rwanda, Ireland, Pakistan na West Indies.



Nyuma y'imikino yo mu matsinda, ikipe ya India na Australia (Group 1) na England na New Zealand (Group 2) zakomeje muri ½ hanyuma, ikipe ya India na England zihurira ku mukino wa nyuma.

Ikipe y'u Rwanda yitwaye neza isoreza ku mwanya wa 8 aho yatsinze imikino ibiri mu mikino 5. Yatsinze ikipe ya Zimbabwe na West Indies.

**Uko amakipe yakurikiranye**

Ikipe ya India yasoreje ku mwanya wa mbere ikurikirwa na England, New Zealand (3), Australia (4), Bangladesh (5), South Africa (6), Pakistan (7), Rwanda (8), Sri Lanka (9), West Indies (10), Ireland (11), UAE (12), Scotland (13), Indonesia (14), USA (15) na Zimbabwe (16).

Amakipe 12 ya mbere biteganyijwe ko azabona itike y'imikino y'igikombe cy'Isi izaba ku nshuro ya kabiri muri 2025 atabanje gukina imikino yo gushaka itike.



# **Cycling:** Rwamagana yagiranye amasezereno y'ubufatanye na FERWACY

Taliki 26 Mutarama 2023, Akarere ka Rwamagana mu Ntara y'Iburasirazuba kagiranye amasezerano y'ubufanye mu gihe cy'imyaka itatu n'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" agamije gutegura isiganwa "Rwamagana Race" mu rwego rwo guteza imbere uyu mukino.

Aya amasezerano yashyizweho umukono n' Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana, Mbonyumuvunyi Radjab na Perezida wa FERWACY, Murenzi Abdallah.

Aka Karere ka Rwamagana gasanzwe gafite ikipe y'umukino w'amagare "Les Amis Sportifs" ndetse n'abakinnyi basanzwe baserukira igihugu mu marushanwa mpuzamahanga atandukanye ari mo na Tour du Rwanda.

Perezida wa FERWACY, Murenzi Abdallah yanagiranye kandi ibiganiro na Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba, CG Gasana Emmanuel byerekeye ku gushyigikira amarushanwa y'amagare mu turere tugize iyi Ntara no kuhakora ikigo cy'imyitozo y'umukino w'amagare.

Akarere ka Rwamagana kiyongereye ku tundi turere twagiranye amasezerano y'ubufatanye na FERWACY mu rwego rwo gutegura amarushanwa harimo Nyanza "Royal Nyanza Race", Huye "Educational & Cultural Race", Musanze "Musanze Gorilla Race", Nyaruguru "Kibeho Race", Kirehe "Gisaka Race" na Bugesera "Kibugabuga Race".





# Sitball: Habaye imikino ya ½ ya shampiyona

Taliki 28 na 29 Mutarama 2023 i Nyamata mu Karere ka Bugesera habereye imikino ya ½ ya shampiyona ya Sitball "Sitball Championship 2022-2023".

Iyi mikino yitabiriwe n'amakipe 10 mu bagabo no mu bagore. Nyuma y'iyi mikino amakipe 5 muri buri cyiciro yabonye itike yo kuzakina imikino ya nyuma iteganyijwe taliki 01 Mata 2023, imikino izabera i Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali.

**Uko imikino yagenze**



2022-2023 SITBALL CHAMPIONSHIP | SEMIFINALS


WOMEN RESULTS

| | | |
|---|---|---|
| NYAMASHEKE | 28-33 | GICUMBI |
| NYANZA | 25-20 | MUHANGA |
| BUGESERA | 8-29 | NGOMA |
| KIREHE | 27-20 | KAYONZA |
| RUBAVU | 19-23 | GICUMBI |
| MUSANZE | 33-15 | MUHANGA |
| NYAMASHEKE | 33-16 | NYANZA |
| BUGESERA | 20-27 | KAYONZA |
| NGOMA | 17-21 | GICUMBI |
| KIREHE | 28-15 | MUHANGA |
| RUBAVU | 31-19 | NYANZA |
| MUSANZE | 30-15 | NYAMASHEKE |
| BUGESERA | 15-26 | GICUMBI |
| KAYONZA | 23-16 | MUHANGA |
| NGOMA | 30-08 | NYANZA |
| KIREHE | 21-20 | NYAMASHEKE |
| RUBAVU | 23-28 | MUSANZE |
| BUGESERA | 34-38 | MUHANGA |
| GICUMBI | 27-17 | NYANZA |

MEN RESULTS

| | | |
|---|---|---|
| RULINDO | 27-24 | KARONGI |
| GISAGARA | 24-29 | RUTSIRO |
| GASABO | 16-32 | MUSANZE |
| NYAGATARE | 24-21 | RUBAVU |
| KAYONZA | 22-34 | KARONGI |
| KIREHE | 20-28 | RUTSIRO |
| RULINDO | 27-24 | GISAGARA |
| GASABO | 25-30 | RUBAVU |
| KAYONZA | 13-38 | NYAMASHEKE |
| NGOMA | 14-31 | MUSANZE |
| KIREHE | 27-17 | RUBAVU |
| BUGESERA | 25-21 | NYANZA |
| MUHANGA | 10-26 | NYAMASHEKE |
| GICUMBI | 21-27 | MUSANZE |
| KAYONZA | 25-27 | RUBAVU |
| NGOMA | 28-33 | KIREHE |
| BUGESERA | 13-28 | NYAMASHEKE |
| NYANZA | 17-30 | MUSANZE |
| MUHANGA | 18-36 | RUBAVU |
| GICUMBI | 26-20 | KIREHE |
| KAYONZA | 15-30 | NGOMA |
| BUGESERA | 20-31 | MUSANZE |
| NYAMASHEKE | 35-12 | RUBAVU |
| NYANZA | 17-28 | KIREHE |
| MUHANGA | 14-26 | NGOMA |
| GICUMBI | 30-12 | KAYONZA |
| BUGESERA | 18-32 | RUBAVU |
| MUSANZE | 23-15 | KIREHE |
| NYAMASHEKE | 30-13 | NGOMA |
| NYANZA | 28-37 | KAYONZA |
| MUHANGA | 13-24 | GICUMBI |

@npcrwanda | NPCRWANDA | NPCRWANDA official







# Cycling: Tuyizere na Nirere begukanye "Heroes Cycling Cup 2023"

Taliki 29 Mutarama 2023, ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ku bufatanye n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidali n'Impeta by'Ishimwe "CHENO" ryateguye isiganwa mu rwego rwo kwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu "National Heroes Day" uba buri mwaka taliki 01 Gashyantare.

Iri siganwa ryitabiriwe n'abakinnyi mu byiciro bitandukanye bazenguruka intera ya kilometero 11,6 aho bahagurukiye kuri BK Arena bakomeza Cogebanque – Gasabo District Office – Tele 10 – RDB – SP Gishushu – MTN – Auto Express – Kibagabaga Hospital – Orex Station – Engen Station – Igicumbi cy'Intwari – BK Arena.

**Uko irushanwa ryagenze**

- **Abagabo (116 km)**

1.Tuyizere Etienne 03h15'50"
2. Habimana Jean Eric 03h16'53"
3. Masengesho Vaincaire 03h16'53"

- **Ingimbi (92,8 km)**

1. Niyonkuru Didier 02h51'50"
2. Ntirenganya Moise 02h51'50"
3. Uhiriwe Espoir 02h51'50"

- **Abagore (92,8 km)**

1. Nirere Xaverine 03h07'25"
2. Mukashema Josiane 03h17'50"
3. Mwamikazi Djazilla 03h18'03"

- **Abangavu (69,6 km)**

1. Byukusenge Mariatha 02h30'09"
2. Uwera Aline 02h30'12"
3. Iragena Charlotte 02h30'12"






# **Rugby:** Abasifuzi n'abatanga ubuvuzi bw'ibanze bahawe amahugurwa

Taliki 28 Mutarama 2023, ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby mu Rwanda "RRF" ryateguye amahugurwa y'umunsi umwe yakozwe mu byiciro bibiri, hahuguwe ikiciro cy'abasifuzi ndetse n'icy'abatanga ubuvuzi bw'ibanze mu gihe cy'umukino bari kumwe n'abashinzwe iterambere ry'umukino wa Rugby mu Turere.

Aya mahugurwa yabereye kuri Kigali View Hotel mu Mujyi wa Kigali yitabiriwe n'abasifuzi basifura mu cyiciro cya mbere bahuguwe na Andrew Kettlewll ndetse n'ayahawe abaganga batanga ubuvuzi bw'ibanze mu gihe cy'umukino yatanzwe n'inzobere yoherejwe n'Ishyiramwe ry'umukino wa Rugby ku Isi "WRF", Kalanzi Joseph.

Mu rwego rw'abasifuzi, abahuguwe basabwe kwitwararika by'umwihariko ku makosa yashobora guteza ubushyamirane mu mikino ikomeye, bakarangwa no kugira ijisho ry'ubushishozi no kutabogama.

Ku ruhande rw'abahuguwe mu gutanga ubuvuzi bw'ibanze mu gihe cy'umukino, Kalanzi Joseph yasabye abitabiriye aya mahugurwa, guhoza ijisho ku mukino, by'umwihariko bagacungana n'igihe umukinnyi aguye hasi bitunguranye, bagahita basaba umusifuzi guhagarika umukino bakita kuri uwo mukinnyi uguye hasi.

Aha yatanze urugero rw'umukinnyi w'ikipe y'igihugu ya Danemark, Christian Eriksen waguye hasi mu mukino w'igikombe cy'u Burayi mu 2021, aho yatabawe na mugenzi we wari warahawe aya masomo y'ubuvuzi bw'ibanze "First Aid".

Bahuguwe kandi n'uburyo batabara umukinnyi wavunitse, bakamufasha kudashegeshwa n'imvune, mu gihe ategereje ubuvuzi bwisumbuyeho.

Perezida wa RRF, Kamanda Tharcisse yavuze ko aya mahugurwa yari agamije kuzamurira ubumenyi abafite aho bahuriye n'umukino wa Rugby hano mu Rwanda by'umwihariko mu kibuga.

Yakomeje avuga ko uwitabiriye aya mahugurwa wese hari amasomo yize yatanzwe ku buryo bw'ikoranabuhanga ajyanye n'ubutabazi bw'ibanze ndetse n'amahugurwa ajyanye no kwita ku muntu wagize ikibazo ku mutwe cyangwa cy'umutima akina.

Aya mahugurwa yitabiriwe n'abantu 20 barimo abasifuzi 6 n'abafite aho bahuriye n'ubuvuzi bw'ibanze n'abashinzwe iterambere rya Rugby mu Turere 16.









RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave